D/01913

NZABANITA Augustin
c/o Présidence du MRND
B.P. 1055 KIGALI.-

Kigali, le 02/05/1984

Il ne figure pas sur la liste
des 8 premiers au 400 m

à traiter par : DGSL
date entrée : 9/07/84
N° Classement : 2911/15.08-01

BSI : info
et vérifier la véracité
de ces propos.
17.10.84

Nyakubahwa Bwana Ministri w'Abakozi
ba Leta n'Ihugurwa ry'Abakozi
K I G A L I .-

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Mbandikiye iyi baruwa mbasaba kunyohererereza niba bishoboka listi y'abantu 5 (abagabo) ba mbere basiganwe muli metero 400, mukanangezaho n'amasogonda bakoresheje.

Ikindi kandi Nyakubahwa Bwana Ministri, batanu ba mbere muli metero 100 badushubijemo bavuga ko batatu ba mbere bagomba kubona ibihembo byabo bihaliye aliko kandi twatashye tutamenyeshejwe uko tuzabibona, nabyo ndifuza ko mwabinsobanulira.

Mu gihe ngitegereje igisubizo cyanyu cyiza, Nyakubahwa Bwana Ministri, mbaye mbashimiye.

NZABANITA Augustin.-

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Coopératives
  K I G A L I .-

NZABANITA Augustin
c/o Présidence du M.R.N.D.
B.P. 1055 KIGALI.-

Kigali, le 02/05/1984

K'Urubuga rw'Imikino
c/o ORINFOR
B.P. 83 KIGALI.-

K'Urubuga rw'Imikino,

Mbandikiye mbasaba kungereza aya magambo ku bashinzwe kuyobora imikino ngororamubili.

Mpereye ku byabaye taliki ya 1 Gicurasi 1984 ku munsi mukuru w'Abakozi, nalitegereje nsanga bitarakoranwe ubutabera. Umuntu wali usanzwe akoresha amasekonda 55 muli 400 m yakoresha ate hejuru y'umunota kandi ali mu irushanwa ?
Ubwo murabona ibyo bishoboka?
Biramutse bikomeje bityo, turasanga twe abakunda iyo sport mwaba muduca intege.

Nkaba ndangije nsaba ababikoze kwisubiraho kuko byatubabaje, aliko kandi nsivuga ko ali bose, baretse gukoresha ikimenyane byarushaho gushimisha benshi.

Murakoze.

NZABANITA Augustin.-

Bimenyeshejwe :

- Nyakubahwa Bwana Ministri w'Urubyiruko no gutsura za coopératives
K I G A L I .-